- 2° seeking and use a certified and trained person in asbestos safe removal;
- 3° evacuating all occupants of the building before and during the removal of asbestos materials from the building;
- 4° placement of posters at all entrances of the building to restrict access to the building;
- 5° informing the people in the neighborhood within a perimeter of five (5) meters from the building of the act to remove asbestos materials and its health risks;
- 6° workers on the site must wear appropriate protective clothes, masks, gloves and boots;

**Article 3: Procédure pour l'élimination des matériaux contenant de l'amiante**

Tout propriétaire d'un immeuble avec des matériaux contenant de l'amiante doit se conformer sur ce qui suit:

- 1° soumettre une demande écrite à l'Office Rwandais pour la Promotion de l'Habitat sollicitant l'autorisation d'enlever du bâtiment les matériaux contenant l'amiante;
- 2° rechercher et employer une personne certifiée et formée dans les techniques de l'éradication des matériaux contenant l'amiante;
- 3° évacuer tous les occupants de l'immeuble avant et pendant l'enlèvement des matériaux contenant de l'amiante;
- 4° placer des affichages à toutes les entrées du bâtiment pour restreindre l'accès au bâtiment;
- 5° informer les gens dans le quartier au sein d'un périmètre de cinq (5) mètres de l'immeuble de l'acte d'enlever les matériaux contenant l'amiante et ses risques pour la santé;
- 6° les travailleurs sur le site doivent porter des vêtements de protection, masques, des

imyambaro, masitike, udupfukantoki n'inkweto byabigenewe;

7° kumena amazi ku bikoresho birimo“asbestos” mbere no mu gihe cyo kuyikura ku nyubako;

8° ibikoresho birimo“asbestos” byakuwe ku nyubako ndetse n'ibikoresho bivugwa mu gace ka 6° k'iyi ngingo, uretse ibikoze muri pulasitike, bigomba gufungwa mu masashe yabigenewe;

9° ibikoresho birimo“asbestos” byakuwe ku nyubako bigomba gutabwa mu byobo byabigenewe. icyakora, iyo bibaye ngombwa, ibikoresho birimo“asbestos” byakuwe ku nyubako bishobora gutabwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uherye igihe byavaniwe ku nyubako;

10° gutwara ibikoresho birimo“asbestos”; byavanywe ku nyubako bijyanwa gutabwa bigomba gukorwa hifashishijwe imodoka zabigenewe kandi zifunze”.

**Ingingo ya 4: Ibyobo bitabwamo ibikoresho birimo “asbestos”**

Urutonde rw'ibyobo bitabwamo ibikoresho birimo“asbestos” ruri ku mugereka w'iri teka.

7° always keep the asbestos materials wet before and during their removal from the building;

8° asbestos materials removed from the building, together with the equipment referred to in point 6° of this Article except equipment made in plastic material must be immediately wrapped in appropriate plastic bags;

9° asbestos materials removed from the building must be immediately buried in asbestos burial site. However, where applicable, the asbestos materials may be buried in a period not exceeding seven (7) days from the day of its removal;

10° the transportation of the asbestos materials removed from the building to the burial sites of asbestos material must be done using appropriate trucks and with closed compartments.

**Article 4: Burial sites of asbestos materials**

The list of burial sites of asbestos materials is in the annex to this Order.

gants et des bottes ;

7° les matériaux contenant de l'amiante sont gardés humides avant et pendant leur retrait de l'immeuble ;

8° les matériaux contenant de l'amiante retirés du bâtiment ainsi que les vêtements de protection cités au point 6° du présent article, sauf ceux en plastique, doivent être immédiatement emballés dans des sacs en plastique appropriés ;

9° les matériaux contenant l'amiante retirés du bâtiment doivent être immédiatement enterrés dans le site d'enfouissement. Toutefois, en cas de besoin, les matériaux contenant l'amiante peuvent être enterrés dans une période n'excédant pas sept (7) jours, à compter du jour de son enlèvement;

10° le transport des matériaux contenant de l'amiante enlevés du bâtiment aux sites d'enfouissement doit être fait à l'aide des camions avec compartiments fermés.

**Article 4: Sites d'enfouissement des matériaux contenant de l'amiante**

La liste de sites d'enfouissement des matériaux contenant de l'amiante se trouve en annexe du présent arrêté.



*Official Gazette n° Special of 04/06/2015*

Icyakora, urutonde rw'ibyobo bitabwamo ibikoresho birimo "asbestos" rushobora kuvugururwa igihe bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 5: Imicungire y'ibyobo bitabwamo ibikoresho birimo "asbestos"**

Ibyobo bitabwamo ibikoresho birimo "asbestos" bicungwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imiturire gifatanyije n'ubuyobozi bw'Uturere bireba".

**Ingingo ya 6: Igenzura ry'uburyo ibikoresho birimo "asbestos" bikurwa ku nyubako**

Igenzurwa ry'uburyo ibikoresho birimo "asbestos"; bikurwa ku nyubako rikorwa n'abakozi babihuguriwe bagenwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imiturire.

Bitabangamiye ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, buri Karere kagena umukozi ukora igenzura ry'ibikorwa byo gukura ku nyubako ibikoresho birimo "asbestos".

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imiturire gifite inshingano yo guhugura abakozi bavugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imiturire gifatanyije n'Uturere bishinzwe gukurikirana no kugenzura gahunda y'ikurwa rya "asbestos" mu Gihugu.

However, the list of burial sites of asbestos materials may be modified if considered necessary.

**Article 5: Management of burial sites of asbestos materials**

The burial sites of asbestos materials are managed by Rwanda Housing Authority in collaboration with respective District Authorities.

**Article 6: Inspection of removal of asbestos material from the building**

The inspection of removal of asbestos materials from the building shall be done by a trained staff designated by Rwanda Housing Authority.

Without prejudice to provisions of the Paragraph One of this Article, each District shall designate a staff to carry out inspection activities related to the removal of asbestos material from the building.

Rwanda Housing Authority shall be responsible for training the designated staff mentioned in Paragraph two of this Article.

Rwanda Housing Authority as well as the Districts are entrusted to the overall monitoring and evaluation of asbestos eradication.

Toutefois, la liste de sites d'enfouissement des matériaux contenant de l'amiante peut être modifiée si nécessaire.

**Article 5: Gestion des sites d'enfouissement des matériaux contenant de l'amiante**

Les sites d'enfouissement des matériaux contenant de l'amiante sont gérés par l'Office Rwandais pour la Promotion de l'Habitat en collaboration avec les autorités des Districts respectives.

**Article 6: Inspection de l'enlèvement du bâtiment des matériaux contenant de l'amiante**

L'inspection de l'enlèvement du bâtiment des matériaux contenant de l'amiante est faite par un agent formé désigné par l'Office Rwandais pour la Promotion de l'Habitat.

Sans préjudice des dispositions de l'alinéa premier du présent article, chaque District désigne un personnel qui mène des activités d'inspection liés à l'enlèvement du bâtiment des matériaux contenant de l'amiante.

L'Office Rwandais pour la Promotion de l'Habitat est responsable de la formation du personnel désigné mentionné à l'alinéa deux du présent article.

L'Office Rwandais pour la Promotion de l'Habitat et les Districts sont chargés du suivi et de l'évaluation du processus d'éradication de l'amiante.

*Official Gazette n° Special of 04/06/2015*

**Ingingo ya 7: Itabwa ry'ibikoresho birimo "asbestos" bitari ku nyubako**

Umuntu wese ufite ibikoresho birimo "asbestos" bitari ku nyubako kandi bitaratabwa agomba kubishyira mu masashe ya pulasitike mu gihe hatagerejwe ko bitabwa."

**Ingingo ya 8: Abashinzwe gushyira mu bikorwa aya mabwiriza**

Minisitiri w'Umutungo Kamere, Minisitiri w'Ubuzima, Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda na Minisitiri w'Ibikorwa Remezo basabwe gushyira mu bikorwa aya mabwiriza.

**Ingingo ya 9: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza**

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije na yo zivanyweho.

**Ingingo ya 10: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku muni atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 05/05/2015

**Article 7: Burial of "asbestos" materials which are outside the building**

Any person who owns asbestos materials which are outside the building and which is not buried is required to wrap it in appropriate plastic bags while awaiting burial.

**Article 8: Authorities responsible for the implementation of these instructions**

The Minister of Natural Resources, the Minister of Health, the Minister of Trade and Industry and the Minister of Infrastructure are entrusted with the implementation of these instructions.

**Article 9: Repealing Provision**

All prior provisions contrary to these Instructions are hereby repealed.

**Article 10: Commencement**

These Instructions shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 05/05/2015

**Article 7: Enfouissement des matériaux contenant de l'amiante ne se trouvant pas sur le bâtiment**

Toute personne qui possède des matériaux contenant de l'amiante ne se trouvant pas sur l'immeuble et qui n'est pas enterré doit l'envelopper dans des sacs en plastique en attendant l'enterrement.

**Article 8: Autorités chargées de l'exécution des présentes instructions**

Le Ministre des Ressources Naturelles, le Ministre de la Santé, le Ministre du Commerce et de l'Industrie et le Ministre des Infrastructures sont chargés de l'exécution des présentes instructions.

**Article 9: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires aux présentes instructions sont abrogées.

**Article 10: Entrée en vigueur**

Les présentes instructions entrent en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 05/05/2015

*Official Gazette n° Special of 04/06/2015*

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
The Minister of Justice/ Attorney General

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N° 05/Cab.M/015  
RYO KU WA 21/05/2015 RISHYIRAHO  
IBIKUBIYE MU NYANDIKO  
Z'IMITUNGANYIRIZE Y'IMIJIYI N'uburyo  
bw'IPEREREZA, ITANGIZWA,  
ITUNGANYWA N'ITANGWA  
RY'IMPUSHYA RY'IBIKORWA  
BY'IMITUNGANYIRIZE Y'IMIJIYI

MINISTERIAL ORDER N° 05/Cab.M/015  
OF 21/05/2015 DETERMINING THE  
CONTENTS OF URBAN PLANNING  
DOCUMENTS AND PROCEDURES FOR  
INVESTIGATION, INITIATION,  
ORGANIZATION AND ISSUANCE OF  
AUTHORIZATION TO CARRY OUT  
URBAN PLANNING OPERATIONS

ARRETE MINISTERIEL N° 05/Cab.M/015  
DU 21/05/2015 DETERMINANT LE  
CONTENU DES DOCUMENTS DE  
PLANIFICATION URBAINE, ET LES  
PROCEDURES D'ENQUETES,  
D'INITIATION, D'ORGANISATION ET DE  
DELIVRANCE DES AUTORISATIONS DE  
REALISATION DES OPERATIONS  
D'URBANISME

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS  
GÉNÉRALES

**Ingingo ya mbere:** icyo iri teka rigamije

**Article One:** Purpose of this Order

**Article premier:** Objet du présent arrêté

UMUTWE WA II: IBIKUBIYE MU  
NYANDIKO Z'IMITUNGANYIRIZE  
Y'IMIJIYI

CHAPTER II: CONTENT OF URBAN  
PLANNING DOCUMENTS

CHAPITRE II: CONTENU DES  
DOCUMENTS D'URBANISME

**Ingingo ya 2:** icyo inyandiko y'imitunganyirize y'  
imijyi iba igamije

**Article 2:** Purpose of an urban planning  
document

**Article 2:** Objet d'un document d'urbanisme

**Ingingo ya 3:** Ibikubiye mu nyandiko  
z'imitunganyirize y'imijyi

**Article 3:** Content of urban planning documents

**Article 3:** Contenu des documents d'urbanisme

**Ingingo ya 4:** Ibindi bigize igishushanyo rusange  
cy'imitunganyirize y'imijyi

**Article 4:** Other content of a local land  
development plan

**Article 4:** Contenu supplémentaire du plan  
d'aménagement local

**Ingingo ya 5:** Ibindi ku nyandiko z'  
imitunganyirize y'imijyi

**Article 5:** Complementary Urban Planning  
Documents

**Article 5:** Documents complémentaires  
d'urbanisme

<b>Ingingo ya 6:</b> Uko inyandiko z'imitunganyirize y'imijyi zikurikirana mu nzego	<b>Article 6:</b> Hierarchical alignment of urban planning documents	<b>Article 6:</b> Alignement hiérarchique des documents d'urbanisme
<b>Ingingo ya 7:</b> Ihindurangano rikoreshwa mu nyandiko z'imitunganyirize y'imijyi	<b>Article 7:</b> Scale of urban planning documents	<b>Article 7:</b> Echelle des documents d'urbanisme
<b>UMUTWE WA III: UBURYO BW'IPEREREZA, ITANGIZWA, ITUNGANYWA, N'ITANGWA RY'IMPUSHYA RY'IBIKORWA BY'IMITUNGANYIRIZE Y'IMIJI</b>	<b>CHAPTER III: PROCEDURES FOR INVESTIGATION, INITIATION, ORGANIZATION AND ISSUANCE OF AUTHORIZATION TO CARRY OUT URBAN PLANNING OPERATIONS</b>	<b>CHAPITRE III: PROCÉDURES D'ENQUETE, INITIATION, ORGANISATION ET DELIVRANCE DES AUTORISATIONS DE REALISATION DES OPERATIONS D'URBANISME</b>
<b>Icyiciro cya mbere:</b> Uburyo bw'iperereza, itangizwa, itunganywa, itangwa ry'impushya mu bikorwa byo gukata, guhuriza hamwe no gusubiramo ibibanza	<b>Section One: Procedures for investigation, initiation, organization and issuance of authorization to carry out land subdivision, urban re-plotting and plot restructuring</b>	<b>Section première: Procédures d'enquête, initiation, organisation et délivrance d'autorisation de lotissement, de remembrement urbain et de restructuration des parcelles</b>
<b>Ingingo ya 8:</b> Inzego zifite ububasha bwo gukora ipererza ku bikorwa by'imitunganyirize y'imijyi	<b>Article 8:</b> Entities authorized to investigate to carry out an urban planning operation	<b>Article 8:</b> Entités autorisées d'enquêter sur la réalisation des opérations d'urbanisme
<b>Ingingo ya 9:</b> uburyo bw'iperereza ku bikorwa byo gukata, guhuriza hamwe no gusubiramo ibibanza	<b>Article 9:</b> Procedures for investigation of land subdivision, urban re-plotting and plot restructuring	<b>Article 9:</b> Procédures d'enquête de lotissement, remembrement urbain et restructuration des parcelles
<b>Ingingo ya 10:</b> Uburyo bwo gutangiza ibikorwa by'imitunganyirize y'imijyi	<b>Article 10:</b> Procedures for initiation of land subdivision, urban re-plotting and plot restructuring	<b>Article 10:</b> Procédures d'initiation des opérations d'urbanisme de lotissement, de remembrement urbain et de restructuration des parcelles
<b>Ingingo ya 11:</b> Itunganywa ry'ibikorwa by'imitunganyirize y'imijyi	<b>Article 11:</b> Organization of land subdivision, urban re-plotting and plot restructuring	<b>Article 11:</b> Organisation de lotissement, de remembrement urbain et de restructuration des parcelles
<b>Ingingo ya 12:</b> Iyemezwa ry'igishushanyo cy'ikatwa ry'ibibanza n'uburenganzira bwo gukata, guhurizahamwe no gusubiramo ibibanza	<b>Article 12:</b> Approval of land subdivision plan and authorization to carry out land subdivision, urban re-plotting and plot restructuring	<b>Article 12:</b> Approbation du plan de lotissement et autorisation de réaliser un lotissement, remembrement urbain et restructuration des

**Ingingo ya 13 :** Uburyo bwo gushyira mu bikorwa imirimo y'ikatwa, yo guhurizahamwe no gusubiramo ibianza

**Icyiciro cya 2: Uburyo bw'iperereza, itangizwa, itunganywa, itangwa ry'impushya mu bikorwa byo gusubiramo no gusubiza isura inyubako**

**Ingingo ya 14:** Uburyo bw'iperereza ku bikorwa byo gusubiramo no gusubiza isura inyubako

**Ingingo ya 15:** Uburyo bw'itangizwa, itunganywa n' itangwa ry'impushya mu bikorwa byo gusubiramo no gusubiza isura inyubako

#### **UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 16:** Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

**Ingingo ya 17:** Igihe iteka ritangirira gukurikizwa

**Article 13:** Procedure of implementation of land subdivision, plot restructuring or re-plotting operation

**Section 2: Procedures for investigation, initiation, organization and issuance of authorization to carry out building renewal and refurbishment**

**Article 14:** Procedures for investigation of building renewal and refurbishment

**Article 15:** Procedures for initiation, organization and issuance of authorization to building renewal and refurbishment

#### **CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS**

**Article 16:** Repealing Provision

**Article 17:** Commencement

parcelles

**Article 13:** Procédure de mise en œuvre de lotissement, remembrement urbain et restructuration des parcelles

**Section 2: Procédures d'enquête, initiation, organisation et délivrance d'autorisation de rénovation des constructions et de restauration immobilière**

**Article 14 :** Procédures d'enquête de rénovation des constructions et de restauration immobilière

**Article 15:** Procédures d'initiation, organisation et délivrance d'autorisation de rénovation des constructions et restauration immobilière

#### **CHAPITRE IV : DISPOSITIONS FINALES**

**Article 16 :** Disposition abrogatoire

**Article 17 :** Entré en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 05/Cab.M/015 RYO KU WA 21/05/2015 RISHYIRAHU IBIKUBIYE MU NYANDIKO Z'IMITUNGANYIRIZE Y'IMIJIYI N'uburyo bw'IPEREREZA, ITANGIZWA, ITUNGANYWA N'ITANGWA RY'IMPUSHYA RY'IBIKORWA BY'IMITUNGANYIRIZE Y'IMIJIYI**

**MINISTERIAL ORDER N° 05/Cab.M/015 OF 21/05/2015 DETERMINING THE CONTENTS OF URBAN PLANNING DOCUMENTS AND PROCEDURES FOR INVESTIGATION, INITIATION, ORGANIZATION AND ISSUANCE OF AUTHORIZATION TO CARRY OUT URBAN PLANNING OPERATIONS**

**ARRETE MINISTERIEL N° 05/Cab.M/015 DU 21/05/2015 DETERMINANT LE CONTENU DES DOCUMENTS DE PLANIFICATION URBAINES, ET LES PROCEDURES D'ENQUETES, D'INITIATION, D'ORGANISATION ET DE DELIVRANCE DES AUTORISATIONS DE REALISATION DES OPERATIONS D'URBANISME**

**Minisitiri w'Ibikorwa Remezo;**

**The Minister of Infrastructure;**

**Le Ministre des Infrastructures;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya repubulika y'u rwanda ryo ku wa 04 kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'ya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses Articles 120, 121 et 201;

Ashingiye ku itegeko n° 10/2012 ryo ku wa 02/05/2012 rigenga imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 12 n'ya 64;

Pursuant to Law n°10/2012 of 02/05/2012 governing urban planning and building in Rwanda, especially in Articles 12 and 64;

Vu la Loi n° 10/2012 du 02/05/2012 portant code de l'urbanisme et de la construction au Rwanda, spécialement en ses articles 12 et 64 ;

Inama y'abaminisitiri yateranye ku wa 13/02/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by Cabinet, in its session of 13/02/2015;

Après examen et approbation par le Conseil des Ministres, en sa séance du 13/02/2015;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Iri teka rishyiraho ibikubiye mu nyandiko z'imitunganirize y'imijyi n'uburyo bw'iperereza,

This Order determines the contents of urban planning documents, and procedures for

Le présent arrêté détermine le contenu des documents d'urbanisme, et les procédures

itangizwa, itunganywa n'itangwa ry'impushya ry'ibikorwa by'imitunganyirize y'imijyi.

investigation, initiation, organization and issuance of authorization to carry out urban planning operations.

d'enquêtes, d'initiation, d'organisation et de délivrance des autorisations de réalisation des opérations d'urbanisme.

**UMUTWE WA II: IBIKUBIYE MU NYANDIKO Z'IMITUNGANYIRIZE Y'IMIJIYI**

**CHAPTER II: CONTENT OF URBAN PLANNING DOCUMENTS**

**CHAPITRE II: CONTENU DES DOCUMENTS D'URBANISME**

**Ingingo ya 2: icyo inyandiko y'imitunganyirize y'imijyi iba igamije**

**Article 2: Purpose of an urban planning document**

**Article 2 : Objet d'un document d'urbanisme**

Inyandiko y' imitunganyirize y'imijyi igomba kugaragaza umurongo ngenderwaho w'iterambere ushingiyeye ku micungire y'ubutaka irambye, ikanagena amahame n'ibisabwa mu iterambere ry' ahantu. Igomba:

An urban planning document must provide a development framework in line with principles for the sustainable management of urban land, and determine the principles and requirements for development in a particular area. It must:

Un document d'urbanisme doit fournir un cadre de développement en conformité avec les principes de la gestion durable des terres urbaines, et déterminer les principes et les exigences de développement dans une zone particulière. Il doit :

1° kugaragaza ahantu hatuwe;

1° formulate the spatial composition of the built environment;

1° formuler la composition spatiale de l'environnement bâti;

2° kugaragaza ahantu hashobora gushorwa imari no kugezwa ibikorwa remezo, kugena ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka, ingamba mu myubakire, iterambere ry'ubukungu, isubiramo ry'inyubako z'umujyi no kubungabunga ibidukikije

2° address tentative locations of major investment decisions, and infrastructure service delivery, land use zoning categories, housing strategies, local economic development strategies, urban renewal strategies and environment protective measures and enhancement strategies;

2° planifier les localisations susceptibles des investissements, les services et infrastructures de base, catégories d'utilisation du sol, stratégies de l'habitat, stratégies de développement de l'économie locale, stratégies de rénovation urbaine et de protection de l'environnement;

3° kugena imihanda, ibikorwa remezo byo gutwara abantu n'ibintu, na serivisi nkenerwa hitawe ku gutanga serivisi nziza zikenewe none nejo hazaza;

3° organise roads, transport infrastructure, utility facilities and networks to plan for the provision of adequate services to meet present and future needs;

3° organiser des routes, des infrastructures de transport, installations de services et réseaux publics pour planifier la prestation de services adéquats en réponse aux besoins actuels et futures;



*Official Gazette n° Special of 04/06/2015*

4° guhuzwa n'ibipimo by'ubwiyongere bw'abaturage;	4° be aligned to population growth projections;	4° se conformer aux projections de la croissance démographique ;
5° kugena ikigero cy'ubucucike ku hantu ho guturwa;	5° determine approximate gross densities for settlement areas;	5° déterminer les densités brutes et approximatives des zones d'habitation ;
6° gushyiraho ingamba zo kongera amahirwe y'ubukungu no guteza imbere imyubakire yita ku ikoreshwa ry'ubutaka mu buryo butandukanye ariko bwuzuzanya, hitawe ku bushobozi bw'abaturage;	6° strategize the creation of economic opportunities and a flexible built environment characterized by a mix of uses addressing the needs and capacities of residents;	6° élaborer des stratégies de création d'opportunités économiques et un environnement bâti flexible caractérisée par une mélange des usages de terrain qui répondent aux besoins et aux capacités des résidents ;
7° gushyiraho ingamba zo kuvugurura no kwirinda imyubakire y'akajagari, kurengera ibidukikije, umutungo kamere, imibereho yabantu n'imiterere y'aho batuye;	7° strategize the upgrading and prevention of informal settlements, the protection of the environment and of natural resources, social diversity and diversity of the built environment;	7° élaborer des stratégies de la mise à niveau et la prévention de l'habitat informel, la protection de l'environnement et des ressources naturelles, la diversité sociale et la diversité de l'environnement bâti;
8° guhuriza hamwe gahunda zose z'iterambere.	8° integrate all planning and development sectors and subjects with each other.	8° intégrer ensemble tous les secteurs et sujets de planification et de développement.

**Ingingo ya 3: Ibikubiye mu nyandiko z'imitunganirize y'imijyi**

**Article 3: Content of urban planning documents**

**Article 3: Contenu des documents d'urbanisme**

Inyandiko z'imitunganyirize y'imijyi zigomba kuba zigizwe n'ibice bibiri (2) bikurikira:

Urban planning documents must comprise two (2) parts as follows:

Les documents d'urbanisme doivent comprendre deux (2) parties suivantes:

1° inyigo y'ibanze n'ifatwa ry'ibipimo fatizo;

1° background study;

1° étude diagnostique;

2° igice cyagenewe igenemigambi;

2° planning component;

2° composante de la planification;

Inyigo y'ibanze n'ibipimo fatizo igizwe n'ibi bikurikira:

The background study shall include the following:

L'étude diagnostique comprend ce qui suit:

*Official Gazette n° Special of 04/06/2015*

1° isesengura ry'imibereho n'ubukungu by'abahatuye, ibidukikije ndetse n'imiterere karemano yaho;	1° analysis of the existing demographic, social, cultural, economic, environmental and physical conditions;	1° l'analyse des conditions démographique, sociale, culturelle, économique, environnemental ainsi que physiques ;
2° isesengura ry'amabwiriza asanzwe akurikizwa aho hantu;	2° analysis of the existing regulations;	2° l'analyse des réglementations existantes ;
3° isesengura ry'ibishushanyo by'ingenzi bisanzwe bikurikizwa aho hantu;	3° analysis of existing relevant plans;	3° l'analyse des plans existants pertinents ;
4° isesengura ry'ibishushanyo byigeze gukorerwa aho hantu;	4° analysis of previous plans;	4° l'analyse des plans précédents ;
5° isesengura ry'imbogamizi n'ibibura; hagatangwa inama ku cyakorwa hashingiwe kuri iryo sesengura;	5° analysis of constraints and gaps, and recommendations from the analysis;	5° l'analyse des contraintes et lacunes et faire des recommandations sur base de cette analyse ;
6° gusuzuma ibyo abahatuye bifuza binyuze mu ikusanyamakuru;	6° citizens needs assessment through a respective survey;	6° l'évaluation des besoins des citoyens par voie d'enquête ;
7° ikusanyamakuru no kugaragaza icyakorwa hashingiwe ku nama nyunguranabitekerezo n'abaturage, abayobozi b'inzeho zibanze, abikorera n' izindi nzego zikorera aho hantu, hagatangazwa ibyavuye muri ayo makuru n'ibigomba gukorwa;	7° documentation with results and recommendations from consultative meetings with community, local authorities, the private sector and other local organizations;	7° une documentation composée de résultats et recommandations des réunions avec la communauté, autorités locales, secteurs privé et autres organisations locales ;
8° gutegura urwunge rw'ibipimo bisshingiyeye ku bwiza, ku mibare no ku hantu, ndeste n'ikarita fatizo yerekana, imbago n'umuzenguruko w'ahazakorewa igishushanyo, igaragaza uko ubutaka busanzwe bukoreshwa, ibikorwa remezo n'imiterere karemano yaho.	8° detailed qualitative, quantitative and geographical database, and base map showing the spatial delineation of the planning area, existing land use and physical and infrastructure features.	8° une base des données qualitatives, quantitatives et géographiques, et d'une carte de base indiquant la délimitation spatiale de la zone de planification, l'utilisation des terres existantes et les caractéristiques physiques et infrastructurelles.
Isesengura ry'ibanze rigomba kwibanda kuri ibi bikurikira:	The existing conditions analysis must address the details of the following:	Les analyses des conditions existantes doivent adresser les détails suivants :
1° imiterere y'ubuyobozi na politike y'ahantu;	1° administrative structure and local politics;	1° Structure administrative et politique locale ;

*Official Gazette n° Special of 04/06/2015*

2° abaturage n'uko batuye;	2° demography and settlement patterns;	2° démographie et la tendance dans la construction d'habitat ;
3° imikoreshereze y'ubutaka;	3° land use;	3° utilisation des terres ;
4° umutungo kamere;	4° natural resources;	4° ressources naturels ;
5° ibingenderewe mu gukora igishushanyo;	5° planning subjects;	5° sujets de planification ;
6° ibidukikije n'isukura;	6° environment and Sanitation;	6° environnement et assainissement ;
7° imibereho myiza;	7° social welfare;	7° détails bénéfiques à la société ;
8° gutwara abantu n' ibintu;	8° traffic and transport;	8° circulation routière et transports ;
9° imyanzuro n ingamba z'iterambere.	9° planning conclusions and development strategies.	9° conclusion de planification et stratégie de développement.
Igenamigambi rigomba kugaragaza ibi bikurikira:	The planning component must include the following:	La composante de la planification doit comprendre ce qui suit:
1° icyerekezo, na gahunda y'ibizakorwa aho hantu;	1° vision, concept, and program for the study area;	1° vision, avant-projet et programme pour la zone d'étude ;
2° urwunge rw'amakarita y'imiterere y'aho hantu n'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka hashingiwe ku byavuye mu nyigo y'ibanze, gutanga umurongo ngenderwaho w' iterambere ugaragaza intego n' mahame ngenderwaho ndetse n' ingamba;	2° a set of physical plans with land use zoning and development proposals, deriving from the results of the background study results, and elaborating a development framework with planning objectives, and guiding principles and strategies;	2° un ensemble de plans physiques comprenant le zonage des terres et propositions de développement découlant des résultats de l'étude diagnostique qui formule un cadre de développement avec les objectifs de planification, et stratégies de la planification ;
3° Ingamba n'ibizakorwa by'ingenzi na gahunda y' ishyirwa mu bikorwa;	3° strategic interventions and implementation plan;	3° les interventions stratégiques et plans de mise en œuvre ;
4° Isesengura ry'ishyirwa mu bikorwa n'ingaruka	4° analysis of the social, environmental and	4° analyse de l'impact sociale,

*Official Gazette n° Special of 04/06/2015*

bizagira ku mibereho, ubukungu n'ibidukikije.	economic impacts assessment and feasibility analysis.	environnementale et économique et une analyse de faisabilité.
Gahunda z'iterambere zigaragazwa n'igishushanyombonera n'igishushanyo rusange cy'imitunganyirize y'ubutaka zigomba kwita kuri ibi bikurikira:	The development proposals of a master plan for urban planning and land Management, and a local land development plan must address the following:	Les projets de développement d'un schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme et plan d'aménagement local doivent répondre aux sujets suivants:
1° imyubakire;	1° housing;	1° habitation;
2° iterambere ry'ubukungu n'imirimo;	2° economic development and employment;	2° emploi et développement économique ;
3° ibigo bya Leta na serivisi nkenerwa;	3° public institutions and social services and facilities;	3° institutions publiques et services sociales ;
4° gutwara abantu n'ibintu n'imihanda;	4° transportation and road network;	4° transport et réseaux routiers ;
5° isuku n'isukura, amazi, amashanyarazi n'ingufu;	5° sanitation and utilities	5° services sanitaires et publics ;
6° kuvugurura umujyi iyo ari ngombwa;	6° urban renewal; if applicable;	6° rénovation urbaine, le cas échéant ;
7° Ingamba zo kurengera ibidukikije.	7° environmental protective measures and enhancement.	7° mesures de protection et d'amélioration de l'environnement.
Gahunda z'iterambere zigaragazwa n'igishushanyo cyihariye cy'imitunganyirize y'ahantu, igomba kwita ku bivugwa mu gika cya gatanu cy'iyi ngingo iyo bijyanye n'ikigambiriwe gukorwa.	The development proposals of a specific land development plan must address all applicable subjects of the specific subject mentioned in Paragraph 5 of this Article.	Les projets de développement d'un Plan d'aménagement spécifique doivent répondre aux sujets cités à l'alinéa 5 du présent article valables au sujet particulier.
Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali bashobora kugaragaza ibindi bikenewe ngo byunganire inyandiko z'imitunganyirize y'imijyi.	The District or the City of Kigali, as applicable, may specify complementary content to urban planning documents.	Le District ou la Ville de Kigali, selon le cas, peut spécifier le contenu complémentaire aux documents d'urbanisme.

**Ingingo ya 4: Ibindi bigize igishushanyo rusange cy'imitunganyirize y'imijyi**

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 3 y'iri teka, igishushanyo cyihariye gishyiraho amabwiriza yihariye y'ahantu kuri ibi bikurikira:

- 1° ibisabwa n'imiterere y'uburyo inyubako zizashyirwa mu kibanza;
- 2° ibishushanyo by'imihanda;
- 3° ibipimo hagati y'inyubako n'ibindi bikorwa remezo,
- 4° ibikubiye mu iyubakwa ry'ikibanza birimo: ijanisha ry'ahazubakwa, ibindi biri mu kibanza n'ubuso bwacyo,
- 5° ahagenewe guhagarara ibinyabiziga,
- 6° igishushanyo cy'imiterere y'ikibanza,
- 7° ibikorwaremezo by'ibanze birimo imiyoboro y'amazi y'imvura, imicungire y'imyanda, amazi, amashanyarazi, amashuri, amavuriro, n'ibindi bikorwa rusange.

Igishushanyo rusange kandi kigomba:

- 1° kugaragaza iminshinga y'ibanze yakorerwa aho hantu;

**Article 4: Other content of a local land development plan**

Without prejudice to the provisions of Article 3 of this Order, a local land development plan shall set zoning regulations for the following:

- 1° building layout requirements;
- 2° circulation plan and roads designs;
- 3° building setbacks,
- 4° development parameters including floor area ratio, plot coverage, and plot areas,
- 5° parking space,
- 6° landscaping designs,
- 7° public utilities and infrastructure, including drainage, sewage and water treatment, water and electricity distribution, schools, health and communal facilities.

A local land development plan must also:

- 1° identify priority projects within the planning area;

**Article 4: Contenu supplémentaire du plan d'aménagement local**

Sans préjudice des dispositions de l'article 3 du présent arrêté, un plan d'aménagement local établit les règlements de zonage pour ce qui suit:

- 1° les conditions de plan de mise en place de bâtiment ;
- 2° plan de circulation et plans de routes;
- 3° marge de reculement de bâtiment,
- 4° paramètres de développement y compris le rapport d'occupation du sol, couverture de terrain, et surface du terrain,
- 5° espace de parking,
- 6° conception d'aménagement paysager,
- 7° services publics et infrastructures, y compris le drainage, le traitement des eaux usées, distribution d'eau et d'électricité, écoles, et établissement publics et de santé.

Un plan d'aménagement local doit de plus :

- 1° identifier les projets prioritaires dans la zone de planification ;

2° kugira ishyirwa mu bikorwa ryimbitse ku mironko migari y'igenamigambi yemejwe hashingiwe ku isesengura ry'ishyirwa mu bikorwa n'ingaruka ryaryo.

2° elaborate the implementation details of agreed planning scenarios based on feasibility and impact assessments.

2° élaborer les détails d'implémentation de scénarios de planification convenus sur la base des études de faisabilité et d'une évaluation d'impact.

**Ingingo ya 5: Ibindi ku nyandiko z'imitunganyirize y' imijyi**

Akarere, Umujiyi wa Kigali cyangwa Ikigo cy'Igihugu gifite mu nshingano zacyo ikigenderewe gukorwa harimo gutwara abantu n'ibintu, imiyoboro y' amazi, isuku n'isukura, imyubakire, ibidukikije, uburezi, ubukerarugendo, amashyamba, amashanyarazi n'ingufu, bashobora kwemeza inyunganizi ku nyandiko z'imitunganyirize y' imijyi kugira ngo hagaragazwe mu buryo bwimbitse ibiteganyijwe muri izo nyandiko nk'igishushanyo cy'imiterere y'umujiyi kigaragaza mu nyabutatu ingano n'ubunini.

**Ingingo ya 6: Uko inyandiko z'imitunganyirize y'imijyi zikurikirana mu nzego**

Igishushanyombonera cy'imitunganyirize y'imijyi kigomba kuba gishingiye ku gishushanyombonera cy'Igihugu cy'imicungire y'ubutaka.

Igishushanyo rusange kigomba kuba gishingiye ku gishushanyombonera cy'Igihugu cy'imicungire y'ubutaka ndetse n'igishanyombonera cy'imitunganyirize y'imijyi kigifite agaciro aho hantu.

Igishushanyo rusange kigomba kuba gishingiye ku

**Article 5: Complementary Urban Planning Documents**

A District or the City of Kigali, or a Government agency in charge of a specific subject matter including transportation, water reticulation, sanitation, housing, environment, education, tourism, forestry, electricity, energy, may decide to develop complementary urban planning documents to present more detailed as deemed required to complete the existing urban planning documents, as an urban design plan, including an illustration of three-dimensional massing.

**Article 6: Hierarchical alignment of urban planning documents**

The master plan for land management and urban planning must be aligned to the national land use master plan.

A sectorial master plan for land management and urban planning must be aligned to the national land use master plan and any valid master plan for land management and urban planning.

A local land development plan must be aligned

**Article 5: Documents complémentaires d'urbanisme**

Le District ou la Ville de Kigali ou un agence de l'Etat ayant un sujet spécifique dans ses attributions comprenant le transport, adduction d'eau, hygiène et assainissement, habitat, environnement, éducation, tourisme, foresterie, électricité, énergie, peut décider de développer un document complémentaire d'urbanisme visant à présenter plus de détails jugés nécessaires pour une communication efficiente complétant les documents d'urbanisme existant, comme un plan d'aménagement urbain, comprenant un plan de masses illustrée en trois dimensions.

**Article 6: Alignement hiérarchique des documents d'urbanisme**

Le schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme doit se conformer au schéma directeur national d'aménagement de sol.

Un schéma directeur sectoriel d'aménagement et d'urbanisme doit se conformer au schéma directeur national d'aménagement du sol et tout schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme en vigueur.

Un plan d'aménagement local doit se conformer au

*Official Gazette n° Special of 04/06/2015*

gishushanyombonera cy'imitunganyirize y'imijyi.	to the master plan for land management and urban planning.	schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme.
Igishushanyo kihariye kigomba gushingira ku gishushanyombonera cy'imitunganyirize y'imijyi no ku gishushanyo rusange.	A specific land development plan must be aligned to a master plan for land management and urban planning and to a local land development plan.	Un plan d'aménagement particulier doit se conformer au schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme, et au plan d'aménagement local.
Igishushanyo cy'ikatwa ry'ibibanza kigomba kuba gishingiye ku gishushanyo mbonera cy'imitunganyirize y'imijyi, ku gishushanyo rusange cyangwa ku gishushanyo cyihariye mu gihe byaba bihari.	A land subdivision plan must be aligned to a master plan for land management and urban planning, a local land development plan, and a specific land development plan if applicable.	Un plan de lotissement doit se conformer au schéma directeur d'aménagement d'urbanisme, au plan d'aménagement local et au Plan d'aménagement particulier le cas échéant.
<b>Ingingo ya 7: Ihindurangano rikoresha mu nyandiko z'imitunganyirize y'imijyi</b>	<b>Article 7: Scale of urban planning documents</b>	<b>Article 7: Echelle des documents d'urbanisme</b>
Ihindurangano rikoresha ku gishushanyo mbonera cy'imitunganyirize y'imijyi ntigomba kujya hasi ya:	The scale of a master plan for land management and urban planning must be no less detailed than:	L'échelle minimale d'un schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme doit être de:
a. 1:50:000 ku bishushanyo by'ahafatwa nk'imijyi mu Turere;	a. 1:50,000 an urban areas within Districts;	a. 1 :50.000 pour une zone urbaine dans un District ;
